D. CULTURE ET ARTS

D.2. patrimoine culturel

inyandiko-nyibutsa ku byerekeye ibigo ndangamurage by'i Nyanza

Bate

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO, UMUCO, SIPORO
NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

**B.P. 1044 KIGALI.**

# INYANDIKO-NYIBUTSA KU BYEREKEYE IBIGO NDANGAMURAGE BY'I NYANZA.

Ku wa gatatu tariki ya 28/5/1997, Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni n'abakozi babiri bo mu Ishami "Umurage Gakondo" byo muri Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco, Siporo no Kwigisha Imyuga Iciriritse bari i Nyanza/Butare hamwe mu habarizwa ibigo byinshi ndangamurage by'u Rwanda. Iyi nyandiko irasobanura ibyo bigo ibyo ari byo n'ukuntu twabisanze :

## 1. IKIGO URUKARI (Centre de Rukali)

Icyo Kigo (Centre), cyahoze ari Ingoro y'Umwami Rudahigwa Mutara III. Ni nayo ngoro ye yambere yari atuyemo.

Iyo ngoro yubatswe muw'1931, Umwami amaze kwima, ariko yatashwe muw'1936. Iyo ngoro "URUKARI" yitiriwe kandi umusozi yubatsweho ariwo "Urukari".

Umwami amaze gutanga, Umwamikazi Rozariya GICANDA yarahahamye kugeza aho Leta y'icyo gihe (Repubulika ya mbere) yamuhaye inzu i Butare. Amaze kugenda, inzu ihamaho, irononekara. Habaye muw'1982, uwari Minisitiri w'Urubyiruko ahageze nibwo yagize ati : ko hari Ballet National ibyiganira ku Kigo cy'i Kavumu n'izindi za Serivisi, uwafata iyi nzu (ngoro) akayiha Ballet National ikisanzura. Ubwo yegurirwa Ballet National ndetse Minisiteri yahise ihagura yongeraho izindi nzu zo gucumbikiramo abakinnyi.

Muri 1986, ubwo iyo ngoro yari imaze kwangirika , Umuyobozi w'Ikigo Bwana Yohani Batisita NKURIKIYINKA yagiye muri Ambasade y'Ubudage, abasaba imfashanyo, iyo ngoro irongerwa irasanwa.

Muri 1989, Ubuyobozi bw'imikino gakondo bwahise bwimukira aho mu Rukari.

Muri 1991 na none ubwo iyo nzu yari yangiritse, Umuyobozi w'Ikigo yasubiye muri ba Badage baramufasha arongera atunganya neza iyo ngoro.

Muri 1993, Umuyobozi w'Ikigo yubakishije aho mu rugo rw'i Bwami inzu ya Kinyarwanda kubera impamvu zikurikira :

1° Kwereka abanyarwanda imyubakire yabo gakondo

2° Kwereka cyane cyane urubyiruko imyubakire : Ubudaraza, ubugorozi, ibikoresho bya kinyarwanda ...

3° Kugira ngo urugo rw'i Bwami rube rutatswe neza (harimo n'inzu ya kinyarwanda kuko ingoro nyayo ari inzu ya kizungu).

4° Kugira ngo abaza kureba iyo myubakire kuko ishamaje bagire icyo batanga kibashe gufasha ballet cyane cyane umwana w'umukobwa wari ushinzwe kuhatunganya.

Mu ntambara yo muri 1994, iyo ngoro nk'ibindi byose yarangiritse kandi kugeza none ntabwo yari yasanwa. Imiterere (plan) yayo ntabwo twabashije kuyibona.

Iyo ngoro muri rusange itagira uko isa igizwe na :

- Salon particulier
- Ancien bureau du Roi
- Logement de la Reine mère
- Chambre à coucher
- Blocs toilette et douche
- Boudoir de la Reine
- Garage
- Une cave reservée aux butins et aux liqueurs
- La cuisine
- Cour intérieure délimitée par un mur.

Muri make ingoro n'urugo rw'i Bwami mu Rukari ni uko biteye.

**2. Imva y'Umwami RUDAHIGWA Mutara III.**

Iyo mva iri muri metero nka 500 uvuye ku kigo Urukari. Hari urugo rw'ibyuma n'imitahe (clôture métallique a fil de fer barbelé), iteyemo utwatsi twiza uretse ko bikura bikabura gitema kuko uhacunga ari umusaza.

Icyo twavuga kandi n'uko iruhande rw'imva y'Umwami hari iy'Umwamikazi wazize itsembabwoko n'itsembatsemba ryo muri 1994.

**3. Ingoro y'Umwami ku Rwesero**

Ni ingoro nshya Umwami yaragiye gutaha (nyamara aratanga). N'ubwo iyo ngoro yafashwe nabi Umwami amaze gutanga ndetse igakorerwamo imirimo itagenewe. Iyo ngoro ni kimwe mu bigo ndangamurage (Patrimoine Culturel du circuit touristique sud, kimwe n'URUKALI) igihugu kigomba kwitaho no gufata neza.

Dore imilimo itandukanye yakorewe muri iyo ngoro :
- Kuri Repubulika ya Mbere yari Urukiko rw'Ikirenga (Cour Suprême)
- Kuri Repubulika ya Kabiri yari Urukiko rugenzura inyereza-mutungo (Cour de Comptes). Ubu irasanwa na Minisiteri y'Ubutabera. Twasabaga inzego zibishinzwe kutagira icyo bahindura kuri iyo ngoro dore ko amategeko arinda ibintu ndangamurage atemera ko ikindi cyose ndangamurage cyahindurwa ngo bakigire uko kitari gisanzwe.

Turasaba na none inzego zibishinzwe ko iyo ngoro y'Umwami yagumana inshingano yayo ya mbere ntihagire ikindi icyari cyose cyayikorerwamo kitajyanye n'umuco : Kuhamenyekanisha, kuhagira nk'amacumbi meza aho bamukerarugendo bacumbika baje kuhareba ....

Uko iteye ubu :

- Amabati amwe yarasimbuwe
- Umuryango umwe wahoze ari uw'ibiti bawusimbuje uw'icyuma
- Imyugarizo (cerrures) nayo yarahinduwe
- Ibikorerwamo isuku (toilettes + urinoirs) byarahindutse.

Muri rusange iyo ngoro igizwe n'ibyumba 20 hatarimo za koridori n'ibyumba bikorerwamo isuku.

Ntitwarangiza ibyerekeye iyo ngoro tutavuze ko impapuro n'ibitabo byinshi by'ubutabera bihangirikira. Niyo mpamvu twasabaga Serivisi ya Archives Nationales gukusanya ibyo bintu byose vuba bitarangirika bikomeye se cyangwa ngo bikomeze byibwe.

**4. Ikigo (Cercle) De Rhyvers.**

Icyo kigo cyitiriwe De Rhyvers, uwahoze ari Umujyanama w'Umwami. Aho niho ibyegera by'Umwami byidagaduriraga. Hari harimo kandi inzu y'ibitabo (Une Bibliothèque) n'icyumba bareberagamo za Sinema.

Ubu cyitwa Centre Culturel de Nyabisindu.

**5. Inzu ya Kigeri.**

Iyo nzu yo iri muri Komini Nyabisindu ho muri Butare. Iyo nzu yarangiritse cyane, nta dirishya na rimwe ifite. Ni iyo gusanwa.

Icyitonderwa : Iyo nzu ntabwo ari imwe mu bigize ibigo ndangamurage kuko nyirayo akiriho.

Pour la Division Patrimoine Culturel

Yohani BUTOTO

Severini SEKUBUMBA.